# Mujye mworoshya ibintu, ntimukabikomeze, mutange inkuru nziza ntimutange izitera kwiheba

Hadithi yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mujye mworoshya ibintu, ntimukabikomeze, mutange inkuru nziza ntimutange izitera kwiheba."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irategeka abantu kworoshya no kworohereza abantu no kutabagora muri byose bireba idini ryabo n'imibereho yabo, ariko ntibirenge imbibi z'ibyo Allah yabaziruriye ndetse akanabategeka. Iyi Hadithi irashishikariza kubwira abantu inkuru nziza z'ibyiza, no kutababwira izituma biheba, bakanahunga.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee